



Inama y'Isi ku Byigwa Biboneka ku Buntu
UNESCO, Parisi ku wa 20 kugeza 22 Kamena 2012
Imyanzuro ya Parisi ku byigwa biboneka ku buntu yo mu mwaka w'2012

Intangiriro

Inama y'Isi ku byigwa biboneka ku buntu yabereye i Parisi ku wa 20-22 Kamena 2012,

Izirikana ibyemezo mpuzamahanga by'ibanze birimo

Imyanzuro rusange k'uburenganzira bw'ikiremwa muntu (ingingo ya 26, igika cya 1) uvuga ko: "Buri muntu wese afite uburenganzira ku burezi";

Ubwumvikane mpuzamahanga ku burenganzira ku mutungo, imibanire n'abantu n'umuco (ingingo ya 13, igika cya 1) bwemera "uburenganzira bwa buri muntu wese ku burezi";

Inama yo kubungabunga inyandiko n'ibikorwa bishingiye ku bugeni yabereye i Berne mu mwaka w'1971 hamwe n'icyemezo cyo kubungabunga uburenganzira ku bihangano cy'Umuryango Mpuzamahanga Ushinzwe Kurengera Ibihangano;

Icyerekezo cy'ikinyagihumbi n'imirongo nyobora bikorwa yashyirihwe i Dakari mu mwaka w'2000, yiyemeje gutanga uburezi bw'ibanze ku bana bose, uruburako ndetse n'abantu bakuze ku Isi hose;

Amahame yatangajwe n'Inama y'Isi yose kuri Sosiyete Ishingiyeye ku Bumenyi mu mwaka w'2003. Ayo mahame akaba yiyemeza kubaka sosiyete ishingiyeye ku bumenyi bufiteye akamaro abantu, bugera kuri buri wese kandi buteza imbere abantu aho buri muntu wese ashobora guhanga, kubona, gukoresha no gukwirakwiza amakuru n'ubumenyi;

Ibyifuzo by'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye Ryita ku Burezi, Ubumenyi n'Umuco ku birebana no guteza imbere no gukoresha indimi nyinshi n'ikoranabuhanga rigera kuri bose byo mu mwaka w'2003;

Inama yo kurinda no guteza imbere ubudasa bw'imico yakoranijwe n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye Ryita ku Burezi, Ubumenyi n'Umuco mu mwaka w'2005 yemeje ko uburinganire ku bijyanye n'uburyo ubukungu n'ubudasa mu ruhererekane rw'amakuru rushingiyeye ku mico ndetse n'uburyo imico inyuranye ikwirakwizwa ari bimwe mu bintu by'ibanze biteza imbere ubudasa bw'imico bikanakangurira ubwumvikane mu bantu;

Inama yo mu mwaka w'2006 ku bijyanye n'uburenganzira bw'abantu babana n'ubumuga (ingingo ya 24) yemeje uburenganzira bw'abantu n'ubumuga ku burezi;

Imyanzuro y'Ihuriro Mpuzamahanga ku Burezi bw'Abantu Bakuze (CONFINTEA) rya gatandatu yashimangiye akamaro k'ibanze k'uburezi n'imyigire by'abantu bakuze;

Ishimangira ko inyito "Ibyigwa Biboneka ku Buntu", ariyo "Open Educational Resources" mu rurimi rw'Icyongereza, cyangwa se "OER" mu mpine, yahimbwe mu ihuriro ry'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye Ryita ku Burezi, Ubumenyi n'Umuco ryabaye mu mwaka w'2002 ryigaga ku masomo aboneka ku buntu ikaba isobanura "ibihangano bikoreshwa mu kwigisha, mu kwiga, mu bushakashatsi cyangwa se bikomoka ku bushakashatsi, biboneka mu nyandiko, kuri za mudasobwa ndetse n'ahandi hantu cyangwa se biboneka mu bundi buryo bikaba kandi bibitse ahantu umuntu uwo ari we wese ashobora kubigeraho nta ruhushya bisabaye cyangwa se uruhushya rusange rwo kubigeraho nta kiguzi, kubikoresha, kubihindura, kubikwirakwiza mu bandi nta nzitizi cyangwa se hariho nzitizi nke rukaba rwaratanze". Uruhushya rusange rushingiyeye ku mahame remezo y'uburenganzira ku bihangano yashyizweho n'amahuriro mpuzamahanga kandi rwubaha uburenganzira bw'uwahanze ibihangano.

Yitaye ku myanzuro n'imirongo nyobora bikorwa ku bijyanye n'ibigwa biboneka ku buntu bisanzwe biriho irimo imyanzuro ku burezi bugera kuri bose yafatiwe i Cape Town mu mwaka w'2007, imyanzuro ku byigwa biboneka ku buntu yafatiwe i Dakari mu mwaka w'2009 ndetse n'imirongo ngenderwaho ku

ikoresha ry'ibigwa biboneka ku buntu mu burezi butangwa ku rwego rwa kaminuza yashyizweho n'Ishami ry'Umuryango w'Ibihugu Bihuriye k'Ururimi rw'Icyongereza Rishinzwe Uburezi (Commonwealth of Learning) rifatanyije n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye Ryita ku Burezi, Ubumenyi n'Umuco mu mwaka w'2011.

Ishingiye ku buryo ibigwa biboneka ku buntu biteza imbere intego, imyanzuro n'ingamba mpuzamahanga byavuzwe haruguru;

Isaba ibihugu mu bushobozi no mu bubasha bwabyo:

- a. *Gushyiraho uburyo bwo kumenyekanisha no gushyigikira ikoresha ry'ibigwa biboneka ku buntu.*

Guteza imbere no gukoresha ibigwa biboneka ku buntu mu gukwirakwiza uburezi bugera kuri bose ku nzego zose, ari uburezi butangirwa mu mashuri ari n'uburezi bubaho abantu biyigisha, mu cyerekezo cyo guhora umuntu yihugura ubuzima bwe bwose, mu rwego rwo kurwanya ikumira mu burezi, guteza imbere uburinganire bushingiye ku gitsina mu burezi hamwe n'uburezi bw'ababana n'ubumuga. Kuvugurura uburezi buhendutse kandi bufite ireme haba ari mu myigishirize no mu musaruro abiga bakuramo hakoreshejwe ibigwa biboneka ku buntu ku bwinshi.

- b. *Gushyiraho urubuga rworoshya ikoresha ry'ikoranabuhanga.*

Kugabanya ubusumbane mu buryo abantu bashobora kugera ku ikoranabuhanga hubakwa ibikorwa remezo, cyane cyane ihuriro rituma abantu bashobora gukoresha ikoranabuhanga ngurukanamakuru ku giciro gito, kugeza telefone ngendanwa ahantu hose ndetse no gukwirakwiza umuriro w'amashanyarazi ahantu hose. Guteza imbere ubumenyi n'ubuhanga mu gukoresha itumanaho no gukangurira guhanga no gukoresha ibigwa biboneka ku buntu mu buryo bushobora gukoresha n'abantu bose nta nzitizi zishingiye ku ikoranabuhanga.

- c. *Gushyiraho ingufu mu ishyirwaho ry'ingamba n'ingengabikorwa ku bijyanye n'ikoresha ry'ibigwa biboneka ku buntu.*

Guteza imbere ishyirwaho ry'ingamba z'umwihariko ku bijyanye no guhanga ndetse no gukoresha ibigwa biboneka ku buntu mu murongo mugari wo guteza imbere uburezi.

- d. *Guteza imbere imyumvire ku mpushya rusange zo gukoresha ibihangano nta kiguzi hamwe n'ikoresha ryazo.*

Koroshya kongera gukoresha, gusubiramo, guhindura, no gukwirakwiza ibihangano bikoresha mu burezi ku isi yose hifashishijwe impushya rusange ziri mu byiciro binyuranye bitanga uburenganzira bwo gukoresha ibihangano mu buryo bwubahiriza uburenganzira bwa nyir'igihangano.

- e. *Gushyigikira amahugurwa agamije guteza imbere ibihangano bikoresha mu burezi ku buryo burambye.*

Gushyigikira amashuri, guhugura no guha agahimbazamusyi abarimu n'abandi bakozi kugira ngo bahange kandi bakwirakwize ibihangano bikoresha mu burezi bifite ireme ku bantu bose nta kiguzi, hitawe ku bikenewe muri buri karere n'urunyurane rw'abanyeshuri. Guteza imbere igenzura ry'ireme n'isuzumareme rikorwa na bagenzi ba nyir'igihangano. Gukangurira ishyirwaho ry'uburyo bw'ibazwa n'itangwa ry'impamyabushobozi ku bantu bize hakoreshejwe ibigwa biboneka ku buntu.

- f. *Gushyiraho amahuriro yo guteza imbere ibigwa biboneka ku buntu.*

Gufatira ku iterambere ry'ikoranabuhanga hagashyirwaho uburyo bwo guhererekanya ibihangano byatangiwe uruhushya rusange biboneka mu buryo bunyuranye no gukora ku buryo habaho

uburambe bushingiye ku bufatanye hagati y'inzego zishinzwe uburezi, isoko ry'umurimo, amasomero, ikoranabuhanga n'itumanaho.

g. Gukangurira Guhanga no Guhindura ibyigwa biboneka ku buntu mu ndimi no mu mico inyuranye.

Gushyigikira ihanga n'ikoresha ry'ibyigwa biboneka ku buntu mu ndimi gakondo no mu mico inyuranye kugira ngo bigere kandi bigire akamaro ku bantu bose. Imiryango mpuzamahanga ishingiyeye kuri za guverinoma yagombye gukangurira ihererakanya ry'ibyigwa biboneka ku buntu mu ndimi n'imico binyuranye, mu buryo bwubaha ubumenyi n'uburenganzira bwa ba kavukire.

h. Gukangurira ubushakashatsi ku byigwa biboneka ku buntu.

Gukangurira ubushakashatsi ku buhanzi, ikoresha, isuzuma n'ihindura mu mico inyuranye ry'ibyigwa biboneka ku buntu no ku mahirwe n'ingorane bishingiye kuri ibyo byigwa, hamwe no ku ruhare rw'ibyo byigwa ku ireme ry'uburezi no mu kugabanya igiciro cy'imyigishirize n'imyigire kugira ngo hashyirwe ingufu mu kugaragaza ibimenyetso bifatika ishoramari mu byigwa biboneka ku buntu ryashingiraho.

i. Koroshya iboneka, ibikwa n'isaranganya ry'ibyigwa biboneka ku buntu.

Gukangurira ishyirwaho ry'uburyo bwo kumenya aho ibyigwa biboneka ku buntu bifitanye isano n'ibibazo biriho kandi bifite akamaro mu kubikemura no kubibika kuburyo bworoheye abakeneye kubikoresha kubigeraho. Kwitabira ivanwaho ry'inzitizi ku buryo bubonye kugira ngo ibyigwa biboneka ku buntu bibe byakoresha mu bikoresho by'ikoranabuhanga no mu nzira z'itumanaho by'ubwoko bunyuranye.

j. Gukangurira itangwa ry'impushya rusange ku ikoresha ry'ibihangano bikoresha mu burezi byahanzwe hifashishijwe amafaranga yagenewe ibikorwa by'iterambere rusange.

Amaguverinoma/ubuyobozi bubifitiye ububasha bushobora gushyiraho uburyo abaturage bushinzwe bunguka ku buryo bufatika haramutse hashyizweho ingamba zo gutanga impushya rusange zo gukoresha ibihangano bikoresha mu burezi byahanzwe hifashishijwe amafaranga yagenewe ibikorwa by'iterambere rusange kugira ngo inyungu ikomoka ku mutungo washowe ibe nyinshi bishoboka. Igihe bibaye ngombwa hashobora gushyirwaho inzitizi nke kugira ngo habungabungwe ubusugire bw'inyungu rusange kandi hirindwe ikoresha ry'ibyo bihangano mu buryo bubangamiye uburenganzira bw'ibanze bwa nyir'igihangano.

22-06-2012

Translation:

[Bernard Nkuyubwatsi](#)
[Institute of Learning Innovation,](#)
[University of Leicester](#)

Verification:

Gaudence Uwamahoro
[Umutara Polytechnic](#)
[Language Centre](#)

Viateur Ndayishimiye
[Kigali Health Institute](#)
[Language Centre](#)